R.A/RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI

Ruhengeri
1454

# ITANGAZO

Nasanze ali byiza kwibutsa abantu batunze imbwa yuko zidashobora kuzerera mu mujyi wose wa Ruhengeri, nkulikije itegeko rya Gouverneur Général nº 54 bis Agri rya 5/5/36, ryashyizweho mu Rwanda na Urundi n'itegeko nº 23/Agri rya 3/5/37 n'irya Résident w'Urwanda nº 16/S.V. rya 3/12/51.

Imbwa yose izerera mu mujyi, uretse mu kibanza cya nyirayo, igomba kuba ifite ikiyifunze umunwa, cyanga se bayifashe n'umugozi.

Ibyo ntibyali byitawe ho cyane, aliko kubera ko bitera imidugararo, kuva ubu bizakurikizwa.

Lero, kuv'ubu buli mbwa idafite ikintu mw'ijosi cya tuma itarushya ifata kandi batazi nyirayo bazayica, nibabona ko igoye ifata.

Naho imbwa baziye nyirayo ariko idafite ikiyifunze umunwa, kubera ko Territoire idafite inzu bafungiramo inyamaswa - bazajya bayishyira mu munyururu mu masaha 24, hanyuma bayice niba nyirayo ataje kuyishaka mur'icyo gihe; naho inaniranye ifata, bazajya bayicira aho bayisanze.

Kandi abatunze imbwa bazireka zikazerera mu mujyi zidafite ikizifunze umunwa, cyanga badazifashe, bashobora gucibwa igihano cy'amafranga.

Guhera tariki 20 februari 1956, buli muzungu ukora kuli Territoire ya hano mu Ruhengeri azitegereza niba ili tangazo likurikizwa.

Kandi uretse n'abazungu ba hano kuli Territoire, n'abazungu b'abaganga b'inka bafite ububasha bwo kubigenzura. Abo bose badahali, abirabura bafite itegeko ryo gutunganya umujyi bo kuli Territoire, n'abasirikare bo mu Ruhengeri, bashobora gugenzura ko ili tangazo rikurikizwa.

Ndabamenyesha kandi ko Muganga w'inka azakata imbwa azikingira ibisazi. Ibyo bizaba kuli 22/2/56, ku mbwa zose zo mu mujyi, saa mbili n'inusu kugeza saa tanu n'inusu, mbere ya Prison.

Ruhengeri, le 16 février 1956
L'Administrateur de Territoire
A. d'ARIAN.-